

REPUBLIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUREZI

IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO

INTEGANYANYIGISHO Y'IKINYARWANDA MU CYICIRO RUSANGE

Kigali, Mata 2007

INTEGANYANYIGISHO Y'IKINYARWANDA MU CYICIRO RUSANGE

1. Iriburiro

Ikinyarwanda gifite umwanya ukomeye mu mibereho y'Abanyarwanda. Ni rwo rurimi ruha Abanyarwanda ubushobozi bwo kuranga isi, kugaragaza imbamutima, gushyikirana baganira, bungurana ibitekerezo, bagezanyaho ubutumwa...

Ururimi rw'ikinyarwanda rufite uruhare rukomeye mu guhamya Umunyarwanda udafite isoni n'ubwoba by'umuco we kandi utisuzugura. Umuco w'u Rwanda ukeneye abawurinda n'abawubungabunga ngo hato imico y'amahanga itawumira. Iyo nshingano rero ni iy'Abanyarwanda ubwabo. Inzira ya mbere iriho ni ukwigisha ikinyarwanda.

Kwigisha ikinyarwanda bihamye rero ni ugushimangira ubunyarwanda. Ni ugushyikiriza umwana w'u Rwanda ibyo abakurambere bahanze bakabisigira Umunyarwanda wese ho umurage. Bityo kwiga ikinyarwanda bikaba guhura n'ibyo kibumbatiye: uko giteye, ubugeni gihetse, umuco n'imyumvire y'Abanyarwanda. Ibi bisobanura ko kwigisha ikinyarwanda ari ugufasha umwana w'u Rwanda kugicengera ari mu miterere yacyo no bwiza bwacyo: uko cyemerera ukivuga gutaka imvugo ye.

Kwigisha ikinyarwanda rero bikwiye kuba umwanya wo guha Umunyarwanda ubushobozi bwo kwirinda kumirwa n'amahanga, ibyiza agisangamo akabyamamaza, ibyo anenga akabikosora, akagikungahaza ngo gihangane n'iterambere isi ihorana.

2. Ibigamijwe mu kwigisha ikinyarwanda

Mu kwigisha ururimi kavukire hari ibintu bine by'ingenzi biba bigamijwe ari byo:

1. Ubuhanga :

- Ururimi kavukire ni rwo fatizo ryo kumva no gusobanura isi.
- Ururimi kavukire ni intangiriro yo kumenya izindi ndimi.
- Ururimi kavukire ruduha uburyo n'ububasha bwo gutekereza. Umwana yiga gutekereza cya gihe aba yiga kuvuga. Uko amenya amagambo mashya ni ko ubwenge bwe buba buhirika inkuta z'ubujiji.
- Ururimi kavukire ni rwo dutekerezamo iyo tuvuga : kumenya ururimi rwawe ni ko kumenya imitekerereze y'abo murusangiye. Imyitozo irukorwamo y'inozamvugo ituma abanyeshuri bagira imitekerereze itunganye.

- Kwiga ururimi rwawe bigaragaza ukwiyubaha, ugushyira mu gaciro n'ubuhame bw'ibitekerezo. Umuntu wize ururimi rwe agira ubushobozi bwo kururinda mu ruhando rw'izindi ndimi. Atahura ko imiterere yihariye yarwo ari yo ituma ruba ururimi rutandukanye n'izindi kandi rufite ingingo zose n'ububasha bwose nk'iby'izindi ndimi.

2. Ubusabane :

Ururimi kavukire rugomba kubera umwana inzira yo gushyikirana n'abandi. Agomba rero kugira ubushobozi bwo kugeza ku bandi vuba kandi neza ibyifuzo bye, imbamutima ze n'ibyo yungutse. Mu rurimi rwe kavukire, umwana agomba kwiga kuganira, kumva abandi ndetse rimwe na rimwe akagerageza kwemera igitekerezo runaka kuko ari cyo yumva gitunganye. Uwo mwana wo kwiyumva mu bandi ushimangira intego yo guhamya ubunyarwanda.

3. Ubukeshya

Mu kumwigisha ururimi rwe kavukire, icyifuzwa ni uguha umwana uburyo bunyuranye bwo kwitegereza, kugereranya, gusesengura, gucishiriza no guhitamo mu byitegererezo binyuranye dusanga mu myandiko inyuranye. Imyandiko ahura na yo, yaba ifite imizi mu buvanganzo nyarwanda yaba imyandiko isanzwe, igira uko imufasha guhindura inyifato ye. Imyandiko rero igomba kwerekeza umunyeshuri aheza.

4. Ubuhanzi

Kwigisha ururimi kavukire biba bigamije gukangurira abanyeshuri ubugeni n'ubuvanganzo igihe cyose biga imyandiko ngo na bo babe bahera ku ngeri bize maze bahange.

Mu kwigisha ururimi kavukire, umwarimu akena uburyo butunganye bwo kubahugurira kwisobanura badategwa igihe bavugaga cyangwa bandika bikurikije ubuhanga buriho bwo kwandika imyandiko inyuranye ; kumva no kwiyumvikanisha, gusesekaza imbamutima zabo ; mbese kuvuga, gusoma no kwandika.

Bityo kwigisha ururimi kavukire bigomba kongerera uwiga ubushobozi bwo kurukoresha birambuye mu gushyikirana n'abandi. Ni ngombwa rero kumwongerera amagambo n'ubumenyi byo kumufasha gushyikirana n'abandi tutirengagije kumufasha gusobanukirwa imiterere n'imikorere y'ururimi rwe.

Iyi nteganyanyigisho y'ikinyarwanda yateguwe dushingiye kuri ibi byose bimaze kuvugwa. Twanashingiye kandi ku ivugurura ryakozwe ku nteganyanyigisho y'ikinyarwanda igenewe amashuri abanza ngo habeho ukunguruzwa kw'inyigisho.

3. Imiterere y'iyi nteganyanyigisho

Iyi nteganyanyigisho yihatiye gukemura ibibazo iyari isanzwe yateraga birimo nko kuba:

- itagaragazaga ibikorwa n'umunyeshuri igihe yiga icyigwa runaka mu gihe twemera ihame rivuga ko imyigishirize inoze igomba gushingira ku wiga bityo ikamuha urubuga rukwiye mu kongera ubumenyi bwe;
- itoroherazaga umwarimu kuko ititaga ku masaha inyigisho y'ikinyarwanda yagenewe (amasaha abiri mu cyumweru) mbere yo kugena ibyo azigisha. Abarimu bakaba barakomeje kutugaragariza impungenge ko kugena ibyigwa utitaye ku gihe bizigishirizwamo ari ukubakorera umuzigo ugoye itwara;

Ku bijyanye n'ibiyikubiyemo hari ibyahindutse. Nyuma yo gusuzuma integanyanyigisho nshya y'ikinyarwanda cy'amashuri abanza, twasanze hari ibyakuwe mu mashuri abanza kuko abarimu b'amashuri abanza batugaragarije ko byagoraga abanyeshuri bo muri icyo cyiciro cy'amashuri bityo byimurirwa mu mashuri yisumbuye (*amategeko y'igenamajwi*). Hari ibyigwa byatangiraga kwigwa mu mashuri yisumbuye ubu byinjijwe mu mashuri abanza: amasaku n'ihangamyandiko (*amabaruwa, amatangazo, raporo...*). Hari insanganyamatsiko zijyanye n'ubumenyi ngengabuzima zitabaga mu nyigisho y'ikinyarwanda cy'amashuri yisumbuye kandi ubu zarinjijwe mu mashuri abanza zigomba kugarukwaho kugirango habeho ukunguruzanya kw'inyigisho: *uburenganzira bwa muntu, uburinganire n'ubwuzuzanye, ikoranabuhanga, ubumwe n'ubwiyunge, kubungabunga ibidukikije, gukunda igihugu, umuco w'amahoro, kwirinda ibiyobyabwenge, kwirinda sida n'izindi ndwara...*Izi nsanganyamatsiko zigomba kugaragara mu nyigisho zinyuranye harebwe ibihe u Rwanda rwanyuzemo n'ibyo rugezemo

Mu rwego rwo gukuraho impungenge twagaragarijwe n'abarimu ko integanyanyigisho iba irimo ibintu byinshi bityo umwaka ukarangira ibyagenwe byose bitarangiye, iyi nteganyanyigisho igena ibyigwa mu gihe. Umwaka w'amashuri ugizwe n'ibihembwe bitatu. Igihembwe kimwe kigira hagati y'ibyumweru cumi na kimwe n'ibyumweru cumi na bitatu. Hakuwemo ibyumweru by'amasuzuma, twasanze muri rusange igihembwe kibamo ibyumweru umunani byo kwigisha. Ibyigwa byateganyijwe muri iyi nteganyanyigisho byafatiye kuri ibyo byumweru umunani. Ibisigaye bizaba umwanya wo kunononsora ibyigwa bitumvikanye neza no gukoresha amasuzuma arimo n'ibizami.

4. Ishusho y'umunyeshuri urangije icyiciro rusange

Mu bijyanye n'inyigisho y'ikinyarwanda, umunyeshuri urangije icyiciro rusange agomba kiba afite ubumenyi, ubumenyigiro n'ubukesho by'ifatizo bituma:

- atekereza mu buryo bw'ubuhanga no mu buryo bw'inyurabwenge;
- atekereza nta kubogama kandi ntawe "nyamujyiyobijya";
- asobanukirwa imiterere y'ururimi rw'ikinyarwanda
- akoresha mu buryo buboneye ururimi rw'ikinyarwanda;

- agira inyota yo gushaka ubumenyi mu byanditswe;
- ahanga mu kinyarwanda;
- agira ubushobozi bwo kubungabunga ibidukikije;
- agaragaza imyifatire ituma ubuzima bwe busugira yirinda ibiyobyabwenge, sida n'izindi ndwara z'ibyorezo;
- arangwa n'ubushake bwo kwifashisha ikoranabuhanga mu buzima bwe bwa buri munsu;
- yimakaza umuco w'amahoro, ubworoherane n'uburenganzira bw'ikiremamuntu;
- agira imyifatire irangwa no gukunda igihugu;
- asobanukirwa n'ibyiza by'uburinganire n'ubwuzuzanye;
- arangwa no gukunda umuco nyarwanda no kuwaha agaciro.

5. Imbonezanyigisho rusange

Inyigisho y'ikinyarwanda iba ikubiyemo ibintu bitatu by'ingenzi bikurikira: Ubuvanganzo, iyigandimi n'ubumenyi ngengamibereho. Mu buvanganzo uwiga ahura n'ingeri zinyuranye zigize ubuvanganzo nyarwanda. Mu iyigandimi umunyeshuri asobanukirwa imitere y'ururimi rwe. Ku bijyanye n'ubumenyi ngengamibereho, uwiga yunguka ubwo bumenyi asoma imyandiko inyuranye yaba iy'ubuvanganzo, yaba n'imyandiko isanzwe nk'inkuru, amabwiriza, amatangazo n'indi.

Ibiri muri iyi ntegyanyigisho rero bikubiye muri izo ngingo eshatu:

1. Ingeri z'ubuvanganzo

Mu cyiciro rusange, hazigwamo imyandiko ifite imizi mu buvangazo nyarwanda n'imyandiko isanzwe. Mwarimu azafasha abanyeshuri gutahura ibiranga buri ngeri ku buryo abanyeshuri banaheraho bagahanga imyandiko migufi yo mu ngeri bize.

Bahereye ku bivugwa mu myandiko, Mwarimu afasha abanyeshuri kuwusesengura ari na ko bunguka ubumenyi bunyuranye: imvugo iboneye, ibiranga umuco nyarwanda, imibereho y'abanyarwanda ubu no mu gihe cyahise....

2. Ikibonezamvugo

Mu isomo ry'ikibonezamvugo, mwarimu akwiye gushishikariza abanyeshuri kumva akamaro ko kwiga ikibonezamvugo kuko ari wo mwanya wo gusobanukirwa imiterere y'ururimi rwabo kandi ko kuruha agaciro bihera ku kuba rwarizwe bityo imiterere yarwo ikaba izwi. Ikinyarwanda rero ni rumwe mu ndimi nke zo muri Afurika zakozweho ubushakashatsi mu rwego rwo kurusesengura hagamijwe kugaragaza imiterere yarwo. Ibyigishwa rero mu kibonezamvugo ni ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe ku kinyarwanda bityo kutabigira ibyabo bikaba byafatwa nko kutiha agaciro.

3. Ubundi buhanga

Muri iki gice, umunyeshuri azigishwa ubumenyi bunyuranye burimo ubujyanye no guhanga yandika akurikiza amategeko y'imiterere y'umwandiko runaka. Ubu bumenyi ni gikwira kuko bwigwa hose hagamijwe guhanga imyandiko iberanye n'ubumenyi rusange. Abanyeshuri bazigishwa ubuhanga bwo guhina imyandiko, kurambura ingingo bubahiriza imbata, gutahura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye mu mwandiko, kwandika ikinyarwanda uko amabwiriza y'imyandikire abiteganyanya, kwandika amabaruwa, gukora umwirondoro n'ibindi.

6. Uburyo bw'isuzuma

Kuri buri gace k'isomo umwarimu asuzuma ubushobozi bw'umunyeshuri kugira ngo abone gukomeza isomo. Igihe umwarimu asuzuma ahera ku ntego zihariye zagenewe buri gace k'isomo. Amasuzuma agamije gutanga amanota azajya akorerwa ku gace k'isomo runaka bitewe n'uko umwarimu ashaka kugashimangira. Ikizamini cyo kigomba kuba kireba buri gace kugira ngo intego zose zisuzumwe.

7. Abateguye iyi nteganyanyigisho

Iyinteganyanyigisho yateguwe n'abarimu bakurikira:

1. BAZIRUSHAKA, Isaie, Groupe Scolaire Saint André
2. GATOYI RUTIKANGA Vital, Lycée Notre Dame de Cîteaux, Kigali
3. MURENZI Jean de Dieu, Collège APPEC, Remera-Rukoma
4. MUSABYIMANA Gaudence, Ecole secondaire de Kacyiru
5. MUTUNGIREHE Damien, Lycée de Kicukiro
6. NIYONSABA Monique, ESEGI, Gikonko

Bayobowe na NIYIBAHO Sylvestre, umuteganyanyigisho w'ikinyarwanda, CNDP, Kigali

IBIKUBIYE MU NTEGANYANYIGISHO

1. Umwaka wa mbere

Igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icya mbere	<ul style="list-style-type: none"> Gusoma aranguruye ijwi yubahiriza utwatumaze n'iyitsa Kuvuga ibikubiye mu mwandiko 	<p>Umugani muremure</p>	<ul style="list-style-type: none"> Gusomesha bucece Kubaza ibibazo rusange ku mwandiko Gusoma umugani wose Gusomesha umugani igika ku kindi asobanura amagambo mashya Kubaza abanyeshuri ku mugani wasomwe 	<ul style="list-style-type: none"> Gusoma umugani bucece Kuvuga muri make ibiri mu mugani yasomwe akurikiza inyurabwenge Gusoma igika cy'umugani atagemura, adategwa, yubahiriza utwatumaze n'iyitsa Gusubiza ibibazo abajijwe ku mugani Guca umugani
Icya kabiri	<ul style="list-style-type: none"> Gutandukanya izina bwite n'izina rusange Kuvuga inteko z'amazina yahawe <ul style="list-style-type: none"> Kwandika amazina bwite yubahiriza imyandikire yemewe y'ikinyarwanda 	<p>Izina : Izina bwite n'izina rusange</p> <p>Imyandikire y'amazina bwite (y'abantu, uturere n'ibihugu)</p>	<ul style="list-style-type: none"> Gusomesha umwandiko wigishijwe ubushize Guca akarongo ku mazina bwite no ku mazina rusange mu gika yatoranyije Gusobanura izina bwite n'izina rusange Kuvuga inteko ayo mazina arimo Gukoresha imyitozo ku nteko z'amazina Gusobanura imyandikire yemewe ku mazina bwite y'abantu, y'aturere n'ay'ibihugu Gukoresha icyandikwa 	<ul style="list-style-type: none"> Gusoma umwandiko Gutanga amazina bwite n'amazina rusange ari mu mwandiko Gutandukanya izina bwite n'izina rusange Kuvuga inteko z'amazina ahawe <ul style="list-style-type: none"> Kwandika neza interuro zirimo amazina bwite

Umwaka wa mbere
Igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icy a gatatu	<ul style="list-style-type: none"> • Gusesengura uturemajambo tw’izina • Kugaragaza (mu buryo bw’impine) amategeko y’igenamajwi ari mu izina ryasesenguwe 	<p>Uturemajambo tw’izina mbonera</p> <p>Amategeko y’igenamajwi akora mu izina (ajyanye n’inyajwi gusa)</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwandika ku kibaho interuro zikuwe mu mwandiko wizwe zirimo amazina mbonera • Guca akarongo ku mazina mbonera • Gusesengura amazina agaragaza uturemajambo twayo • Kwerekana amategeko y’igenamajwi yubahirijwe • Gutanga imyitozo 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma interuro • Guca akarongo ku mazina mbonera • Gusesengura no kugaragaza amategeko y’igenamajwi arimo • Gukora imyitozo
Icy a kane	-Kwirinda sida n’izindi ndwara zifatira mu myanya ndangagitsina	Umwandiko kuri Sida n’izindi ndwara zifatira mu myanya ndangagitsina	<ul style="list-style-type: none"> • Kugirana n’abanyeshuri ikiganiro kigufi kiganisha ku mwandiko cyangwa kwitegereza no kuganira ku mashusho yerekeye kuri sida • Gusomesha bucece • Kubaza ibibazo rusange ku mwandiko • Gusoma umwandiko wose • Gusomesha igika ku kindi • Kugaragaza ingaruka za sida ku muryango • Gusaba abanyeshuri kuvuga uko bakiriye inyigisho iri mu mwandiko 	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitegereza amashusho akayavugaho • Gusoma bucece • Gusubiza ibibazo ku mwandiko • -Gusoma igika • Gusubiza ibibazo ku mwandiko wose • Kuvuga inyigisho akuye mu mwandiko • Kuvuga ingamba bafashe ngo birinde Sida

Umwaka wa mbere
Igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyamba gatanu	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvuga ubwoko bw’interuro n’uturango twazo • Guhanga interuro asabwe <p>Gukoresha inyuguti nkuru n’utwatuzo</p>	<p>Interuro : Amoko y’interuro y’inyabumwe:ihamya, ibaza, itangara</p> <p>Imikoreshereze y’inyuguti nkuru n’utwatuzo: akitso, akabago n’akitso, akabago, agatangaro, akabazo.</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwandika ku kibaho interuro avanye mu mwandiko wizwe • Gusomesha interuro • Gusobanura interuro icyo ari cyo • Gusobanura aho zitandukaniye uherye ku twatuzo zifite • Gusobanura imikoreshereze y’inyuguti nkuru n’utwatuzo • Gukoresha icyandikwa 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma interuro • Kuvuga ibiranga buri nteruro • Gukoresha utwatuzo twigishijwe mu nteruro yihimbiye • Gukora icyandikwa
Icyamba gatandatu	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvuga adategwa, atarya amagambo • Gusoma aranguruye adategwa, atarya amagambo • Kubwira abandi ibyo yafashe mu mutwe • Guhanga amagorane n’uturingushyo 	<p>Amagorane n’uturingushyo</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha bucece • Kubaza ibibazo rusange ku magorane n’uturingushyo • Kubasomera • Gusobanura amagambo mashya • Gusomesha baranguruye • Gufatisha mu mutwe amagorane n’uturingushyo • Gutanga umukoro wo guhanga uturingushyo n’amagorane 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma bucece • Gusoma aranguruye • Gutanga ingero z’amagorane n’uturingushyo • Gufata mu mutwe uturingushyo n’amagorane • Kuvuga amagorane n’uturingushyo adategwa • Guhanga amagorane n’uturingushyo

Umwaka wa mbere
Igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyakirindwi	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma aranguruye yumvikanisha injyana • Kuvuga umuvugo yafashe mu mutwe ashize amanga • Gutandukanya umuvugo n’indi myandiko 	Umuvugo	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha umuvugo bucece • Kubaza ibibazo rusange ku muvugo • Gusoma umuvugo wose by’intangarugero • Gusomesha umuvugo igika ku kindi hasobanurwa amagambo mashya • Kwerekana ibiranga umuvugo ashingiye ku miterere y’interuro • Gufatisha mu mutwe umuvugo • Gusaba abanyeshuri guhanga umuvugo mugufi 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma bucece • Kuvuga muri make ibiri mu muvugo yubahiriza inyurabwenge • Gusoma yubahiriza injyana • Gusubiza ibibazo abajijwe ku muvugo • Gufata mu mutwe umuvugo no kuwuvuga • Guhanga umuvugo mugufi (hagati y’imikarago icumi na cumi n’itanu)
Icyamunani	<ul style="list-style-type: none"> • Kwandika agaragaza ahari ubutinde n’amasaku • Gusoma amagambo yanditse yubahiriza amasaku n’ubutinde 	Ubutinde bw’imigemo n’amasaku	<ul style="list-style-type: none"> • Gutegura umwandiko urimo aya magambo: <i>gusiba/gusiiba; urutoki/urutooki; inda/indâ; guhera /guhêra; Mugaânza/Mugaanza; Ubweênge/ubwêenge</i> • Kwandika interuro zirimo ayo amagambo • Gusomesha interuro • Kwandika ayo magambo ashiraho amasaku 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma interuro zirimo amagambo atandukaniye ku butinde n’amasaku • Gusoma amagambo yanditse hagaragazwa ubutinde n’amasaku • Kwandika amagambo agaragaza ubutinde n’amasaku

Umwaka wa mbere
Igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyamba mbere	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvuga ibikubiye mu • Gutahura indangamuco n’ingingo z’amateka 	Igitekerezo cya rubanda	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha bucece • Kubaza ibibazo rusange ku mwandiko • Gusoma umwandiko wose • Gusomesha umwandiko igika ku kindi hasobanurwa amagambo mashya • Gusaba abanyeshuri gutahura mu mwandiko indangamuco n’ingingo z’amateka ziri mu mwandiko • Gusaba abanyeshuri kuvuga inyigisho bakuye mu mwandiko 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma umwandiko bucece • Kuvuga muri make ibiri mu mwandiko yasomwe akurikiza inyurabwenge • Gusoma igika cy’umwandiko adategwa, yubahiriza utwatuzo n’iyitsa • Gusubiza ibibazo abajijwe ku mwandiko • Gutahura indangamuco n’ingingo z’amateka ziri mu mwandiko • Kuvuga inyigisho akuye mu mwandiko
Icyamba kabiri	<ul style="list-style-type: none"> • Kugaragaza ingingo z’ingenzi n’iz’ingereka mu mwandiko • Guhina umwandiko atarengeje igihe n’umwanya yahawe 	Ingingo z’ingenzi n’iz’ingereka z’umwandiko Ihinamwandiko	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha umwandiko • Gusomesha umwandiko igika ku kindi batahura ingingo ziri mu mwandiko • Kugaragaza iz’ingenzi n’iz’ingereka- • Guhina umwandiko afatanyije n’abanyeshuri kandi bafatiye ku ngingo zagaragajwe • Gutanga umwitozo wo guhina umwandiko 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma umwandiko • Gusoma igika ku kindi berekana ingingo irimo • Kwandika ingingo z’ingenzi n’iz’ingereka ziri mu mwandiko • Kwandika incamake y’ibikubiye mu mwandiko yahawe

Umwaka wa mbere
Igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icy a gatatu	<ul style="list-style-type: none"> • Gusesengura izina • Kugaragaza (mu buryo bw’impine) amategeko y’igenamajwi ari mu izina ryasesenguwe 	<p>Uturemajambo tw’izina mbonera</p> <p>Amategeko y’igenamajwi akora mu izina (ajyanye n’ingombajwi)</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwandika ku kibaho interuro zikuwe mu mwandiko wizwe zirimo amazina mbonera • Guca akarongo ku mazina mbonera • Gusesengura amazina agaragaza uturemajambo twayo • Kwerekana amategeko y’igenamajwi yubahirijwe • Gutanga imyitozo 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma interuro • Guca akarongo ku mazina mbonera • Gusesengura no kugaragaza amategeko y’igenamajwi arimo • Gukora imyitozo
Icy a kane	<ul style="list-style-type: none"> • Gusubiza ibisakuzo yahawe akoresheje inyurabwenge • Gushakisha ibisakuzo • Gutanga ibisobanuro by’imigani yahawe • Gushakisha imigani migufi • Gukoresha imigani mu mvugo 	<p>Ibisakuzo</p> <p>Imigani migufi</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gutanga ingero z’ibisakuzo • Kubasaba gusakuza • Kubasaba guhanga ibisakuzo • Guca imigani migufi • Gusaba abanyeshuri gutanga ibisobanuro by’imigani yatoranyijwe • Kubasaba gushakisha imigani migufi • Gusobanura imikoreshereze y’imigani migufi 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusakuza • Gushakisha ibisakuzo • Guhanga ibisakuzo • Gusobanura imigani migufi • Gushakisha imigani migufi • Gukora imyitozo yo kuzuza imigani migufi ituzuye yahawe
Icy a gatanu	<ul style="list-style-type: none"> • Gutahura ntera ziri mu mwandiko • Kugaragaza uturemajambo twa ntera n’amategeko y’igenamajwi 	<p>Ntera:</p> <ul style="list-style-type: none"> ▪ Uturango twa ntera ▪ Ibicumbi bya ntera <p>Amategeko y’igenamajwi muri ntera</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwandika interuro zirimo ntera • Gusaba abanyeshuri gutahura ntera zirimo(guca akarongo kuri ntera) • Gusaba abanyeshuri kugaragaza uturemajambo twa ntera n’amategeko y’igenamajwi akoramo 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma umwandiko • Guca akarongo kuri ntera ziri mu nteruro • Gusesengura ntera yahawe • Kugaragaza amategeko y’igenamajwi yakoreshejwe asesengura.

Umwaka wa mbere
Igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyamba gatandatu	<ul style="list-style-type: none"> • Kugaragaza ingorane n’ingaruka ziterwa n’ivangura iryo ari ryo ryose • Gusobanura ibyiza by’uburinganire n’ubwuzuzanye 	Umwandiko ku buringanire n’ubwuzuzanye	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha bucece • Kubaza ibibazo rusange ku mwandiko • Gusomesha umwandiko wose baranguruye • Gusomesha umwandiko igika ku kindi asobanura amagambo mashya • Gusaba abanyeshuri kuvuga inyigisho bakuye mu mwandiko • Kubaza abanyeshuri ingaruka z’ivangura ku muryango nyarwanda • Gusaba abanyeshuri kugaragaza icyo bakorwa ngo uburinganire butezwe imbere 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma bucece adahwihwisa • Gusomera abandi aranguruye, yubahiriza utwatuzo n’iyitsa • Kuvuga inyigisho yakuye mu mwandiko • Gusubiza ibibazo ku mwandiko • Kuvuga ingaruka z’ivangura ku muryango nyarwanda. • Kugaragaza ingamba bafatanyeho uburinganire n’ubwuzuzanye bigerweho
Icyamba karindwi	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvugira mu ruhamye, ashize amanga kandi atanga ingingo zifatika • Gutanga ibitekerezo bye bwite ku nsanganyamatsiko yahawe 	Impaka ku mucu w’amahoro n’ubworoherane	<ul style="list-style-type: none"> • Gutanga insanganyamatsiko igibwaho impaka • Kuyisobanura • Kurema amatsinda y’abanyeshuri • Gusaba buri tsinda kwitoramo umuvugizi • Gutanga amabwiriza agenga impaka: gusaba ijamba, kwirinda amahane, agasuzuguro, imvugo isesereza • Kubasaba kujya impaka ku nsanganyamatsiko mu matsinda no gutangaza ibyagezweho 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusaba ijamba mbere yo kuvuga • Kuvuga nta mahane, nta gasuzuguro • Gukoresha imvugo idasesereza • Gutanga ibitekerezo bye ku nsanganyamatsiko • Gusubiza ibibazo bya bagenzi be ashimangira igitekerezo cye

Umwaka wa mbere
Igihembwe cya kabiri

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyamba karindwi	<ul style="list-style-type: none"> • Gusobanura inkuru ahuza amashusho n’amagambo mu buryo bw’inyurabwenge. • Kugaragaza inyigisho iri mu nkuru 	Inkuru ishushanyije	<ul style="list-style-type: none"> • Kwerekana amashusho no kubasaba kuvuga mu magambo make ibyo babona • Gusomesha bucece • Gusomesha barangurura • Kubaza ibibazo bigaragaza isano iri hagati y’amashusho n’amagambo. • Kubaza inyigisho bakuye mu nkuru n’ingamba bafashe. • Gusaba abanyeshuri gukina iyo nkuru 	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvuga mu magambo make ibyo babona ku mashusho. • Gusoma bucece bahuza amashusho n’amagambo. • Gusoma baranguruye. • Kuvuga isano iri hagati y’amashusho n’amagambo • Kuvuga inyigisho bakuye mu nkuru • Gukina bigana iyo nkuru
Icyamba munani	Guhanga umwandiko yubahiriza inyurabwenge, injyabihe n’imyandikire yemewe y’ikinyarwanda	Ihangamwandiko ku nsanganyamatsiko zikurikira: <ul style="list-style-type: none"> ▪ indwara z’ibyorezo na Sida ▪ uburinganire n’ubwuzuzanye ▪ umuco w’amahoro 	<ul style="list-style-type: none"> • Gutanga insanganyamatsiko • Kuyisobanura • Gusaba uhanga gukusanya ibitekerezo abyandika. • Gutanga umukoro wo guhanga inkuru ishushanyije 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusesengura insanganyamatsiko yahawe • Gukusanya ibitekerezo • Guhitamo iby’ingenzi akabyandika • Guhanga inkuru ishushanyije

Umwaka wa mbere
Igihembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyamba mbere	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvuga bimwe mu bidukikije n’akamaro kabyo • Kuvuga ingaruka ziterwa no kwangiza ibidukikije 	Umwandiko ku bidukikije	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha bucece • Kubaza ibibazo rusange ku mwandiko • Gusomesha umwandiko wose baranguruye • Gusomesha umwandiko igika ku kindi asobanura amagambo masha • Kubaza abanyeshuri ingaruka ziterwa no kwangiza ibidukikije 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma bucece • Gusomera abandi aranguruye kandi yubahiriza utwatozo n’iyitsa • Gusubiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko • Kuganira ku ngaruka ziterwa no kwangiza ibidukikije
Icyamba kabiri	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma amagambo yanditswe yubahiriza amasaku n’ubutinde • Kwandika agaragaza ahari ubutinde n’amasaku 	Ubutinde n’amasaku	<ul style="list-style-type: none"> • Guha abanyeshuri amagambo fatizo aranga amasaku y’ikinyarwanda: <i>umugabo, umusôre, umugorê, umugeenzi, umwâana, umwaâmi, reerô, imbêehê</i> • Kwandikisha amagambo bashyiraho ubutinde n’amasaku bagereranya n’amagambo fatizo 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma amagambo yanditse hagaragazwa ubutinde n’amasaku • Kwandika amagambo agaragaza ubutinde n’amasaku
Icyamba gatatu	<ul style="list-style-type: none"> • Kuganira atera urwenya • Kwandika ingero z’urwenya azi cyangwa yihimbiye 	Urwenya na byendaguzetsa	<ul style="list-style-type: none"> • Gutanga ingero z’urwenya • Gusaba abanyeshuri gushakisha ingero z’urwenya bazi • Gusaba abanyeshuri kwihimbira urwenya 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma urwenya na byendaguzetsa • Gutanga urwenya na byendaguzetsa • Gukora umwitozo wo guhanga urwenya na byendaguzetsa

Umwaka wa mbere
Igihembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyane	Kuvuga inyigisho mbonezamuco ziri mu mwandiko	Umwandikoku Gukunda umurimo	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomesha bucece • Kubaza ibibazo rusange ku mwandiko • Gusomesha umwandiko wose baranguruye • Gusomesha umwandiko igika ku kindi asobanura amagambo mashya • Gushima ibyiza no kugaya ibibi • Kubaza ibibazo rusange ku myifatire ivugwa 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma bucece adahwihwisa • Gusomera abandi aranguruye kandi yubahiriza utwatuzo n’iyitsa • Kugaragaza ibyiza n’ibibi ku myifatire ivugwa mu mwandiko • Gushima ibyiza no gufata ingamba zo kubikomeraho
Icyane	<ul style="list-style-type: none"> • Gusesengura izina • Kugaragaza (mu buryo bw’impine) amategeko y’igenamajwi ari mu izina ryasesenguwe 	Uturemajambo tw’izina mbonera Amategeko y’igenamajwi akora mu izina (ajyanye n’ingombajwi)	<ul style="list-style-type: none"> • Kwandika ku kibaho interuro zikuwe mu mwandiko wizwe zirimo amazina mbonera • Guca akarongo ku mazina mbonera • Gusesengura amazina agaragaza uturemajambo twayo • Kwerekana amategeko y’igenamajwi yubahirijwe • Gutanga imyitozo 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma interuro • Guca akarongo ku mazina mbonera • Gusesengura no kugaragaza amategeko y’igenamajwi arimo • Gukora imyitozo

Umwaka wa mbere
Ighembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyanga gatandatu	Gutanga igitekerezo cyeye ashize amanga kandi atanga ingingo ku nsanganyamatsiko y’impaka yatanzwe	Impaka ku muco nyarwanda (kwambara, kwirimbisha, kwidagadura,...)	<ul style="list-style-type: none"> • Gutanga insanganyamatsiko igibwaho impaka • Kuyisobanura • Kurema amatsinda y’abanyeshuri • Gusaba buri tsinda kwitoramo umuvugizi • Gutanga amabwiriza agenga impaka (gusaba ijamba, kwirinda amahane, agasuzuguro, imvugo isesereza,...) • Kubasaba kuganira ku nsanganyamatsiko yatanzwe mu buryo bw’impaka • Gusaba buri muvugizi gutangariza abandi imyanzuro yagezweho 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusaba ijamba mbere yo kuvuga • Kuvuga nta mahane, nta gasuzuguro • Gukoresha imvugo idasesereza • Gutanga ibitekerezo bye ku nsanganyamatsiko • Gusubiza ibibazo bya bagenzi be ashimangira igitekerezo cyeye
Icyanga karindwi	Kwandika ibaruwa yubahiriza imiterere y’ibaruwa isanzwe	Ibaruwa isanzwe	<ul style="list-style-type: none"> • Kuganira n’abanyeshuri ku buryo bukorehwa mu gutanga ubutumwa • Gusomesha bucece ibaruwa • Kubaza ibibazo rusange • Gusomesha baranguruye • Kwerekana ibice by’ingenzi bigize ibaruwa • Gusaba abanyeshuri kwandika ibaruwa • Gukosora umwitozo watanzwe 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma ibaruwa adategwa yubahiriza utwatozo n’iyitsa • Kuvuga muri make ubutumwa bukubiye mu ibaruwa • Kugaragaza ibice bigize ibaruwa • Kwandika ibaruwa

Umwaka wa mbere
Igihembwe cya gatatu

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyamba munani	<ul style="list-style-type: none"> • Kuvuga atajijinganya kandi ashize amanga • Kuvuga ahuza imvugo n’ingiro kandi ashiramo isesekaza • Gukina bigana abanyarubuga bari mu gakinamico 	Agakinamico	<ul style="list-style-type: none"> • Gusomera abanyeshuri agakinamico • Gusomesha abanyeshuri no gusobanura amagambo mashya • Guha buri munyeshuri urubuga rwe (iby akina) • Gusaba abanyeshuri kugafata mu mutwe • Kubatoza gukina 	<ul style="list-style-type: none"> • Gusoma agakinamico kateguwe • Gufata mu mutwe agakinamico • Gukina ako gakinamico

INTEGANYANYIGISHO Y'IKINYARWANDA : ICYICIRO CYA MBERE CY'AMASHURI YISUMBUYE

2. Umwaka wa kabiri

Igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n'umunyeshuri
Icyamba mbere	Kugaragaza ibiri mu mwandiko biranga umugani	<i>Umugani muremure</i>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomesha bucece - Gusomesha umugani igika ku kindi asobanura amagambo mashya. - Gusomesha umugani wose 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma bucece. - Gusoma aranguruye, adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.
Icyamba kabiri	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura ijambo imvugakimwe (impuzanyito) n'imbusane. - Gukoresha mu nteruro amagambo yungutse - Kwerekana uko inyito y'ijambo ihinduka uko riyungana n'andi - Kuvuga indangamuco ziri mu mugani 	<p>Inyunguramagambo</p> <p>Indangamuco.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusaba abanyeshuri gusobanura amagambo bakoresheje amagambo maremare, impuzanyito n'imbusane. - Kubasaba gukoresha mu nteruro amagambo mashya <p>Kubaza indangamuco ziri mu mugani.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kwandika ibisobanuro by'amagambo akoresheje amagambo maremare, impuzanyito n'imbusane - Gukoresha mu nteruro amagambo yungutse <p>Kuganirako ndangamuco ziri mu mugani</p>
Icyamba gatatu	<ul style="list-style-type: none"> - Gutandukanya umugani mugufi n'umugani muremure - Gutanga ingero z'imigani migufi - Gusobanura imigani yahawe. - Kwandika yubahiriza imikoreshereze y'utwatuzo. 	<p><i>Imigani migufi</i></p> <p>Utwatuzo: <i>utugeka, utubago tubiri, udukubo, akanyerezo, utwuguruzo n'utwugarizo, udusodeko</i></p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga ingero z'imigani migufi ayandika ku kibaho. - Gusaba abanyeshuri gutanga ingero zindi. - Gusaba gutanga ibisobanuro by'imigani yatoranyije. - Gusobanura imikoreshereze y'utwatuzo twigwa - Gukoresha icyandikwa 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma imigani yahawe. - Gutanga ingero z'imigani azi. - Gutanga ibisobanuro by'imigani yahawe. - Kwandika akoresha utwatuzo twasobanuwe

Umwaka wa kabiri
Igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyane kane	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma aranguruye yumvikanisha injyana - Kubwira abandi umuvugo yafashe mu mutwe ashize amanga - Guhanga umuvugo mugufi. 	Umuvugo	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomera abanyeshuri umuvugo yateguye - Gusomesha bucece. - Gusomesha baranguruye - Kubaza ibibazo ku muvugo - Gufatisha umuvugo mu mutwe. - Gusaba abanyeshuri guhanga umuvugo mugufi. 	<ul style="list-style-type: none"> - Gutega amatwi yumva injyana y’umuvugo - Gusoma bucece - Gusoma baranguruye - Gusubiza ibibazo ku muvugo. - Gufata umuvugo mu mutwe - Guhanga umuvugo mugufi.
Icyane gatanu	<ul style="list-style-type: none"> - Kugaragaza amazina akomoka ku yandi - Gusesengura amazina akomoka ku yandi - Kwandika yubahiriza amabwiriza y’imyandikire yemewe y’ikinyarwanda 	<p>Ikomorazina mvazina</p> <p>Imyandikire: ikata ry’amagambo: - Ibinyazina ngenera - Ibyungo <i>na na nka</i> Akabimbura <i>nyiri</i></p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gutanga interuro zirimo amazina akomoka ku yandi - Gusesengura ayo mazina herekanwa uruhare rw’inteko mu ikomorazina. - Gutanga imyitozo - Gutanga interuro zirimo amagambo yandikwa akatwa - Kwerekana amagambo yandikwa akatwa mu kinyarwanda - Gutanga icyandikwa. 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga ingero z’amazina akomoka ku yandi. - Gutahura mu nteruro ahawe amazina yakomotse ku yandi. - Gukora imyitozo. - Guca umurongo ku magambo akatwa ari mu nteruro yahawe. - Kwandika interuro ahawe akata amagambo yandikwa atyo - Gukora icyandikwa.

Umwaka wa kabiri
Igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyuma gatandatu	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma adategwa kandi ashize amanga. - Kubwira abandi igihozo yafashe mu mutwe akoresheje imbamutima. - Gusoma amagambo hubahirizwa ubutinde n’ amasaku - Kwandika amagambo hagaragazwa ubutinde n’amasaku. 	<p><i>Igihozo</i></p> <p>Ubutinde n’amasaku mu magambo maremare</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Gusomesha bucece igihozo - Gusaba umunyeshuri - Gusoma aranguruye, adategwa kandi ashize amanga. - Kubaza ibibazo ku gihozo - Gusaba abanyeshuri gushaka cyangwa guhanga uduhozo - Gusomesha amagambo yanditse hagaragazwa ubutinde n’amasaku <i>(agahararo, Kanamugirê, amasâbunê, guhaangamura ibivuumbikiisho, umukorôroombya gutôndagura, imyaândikire, umwîiroondooro, ubutâbeerâ urwûnyuunyû,...)</i> - Gusaba abanyeshuri gushaka amagambo maremare no kuyandika bagaragaza ubutinde n’amasaku bahereye ku magambo fatizo baboneye mu mwaka wa mbere. - Gutanga imyitozo yo kwandika hagaragazwa ubutinde n’amasaku 	<ul style="list-style-type: none"> - Gusoma bucece. - Gusoma aranguruye, adategwa kandi ashize amanga. - Gusubiza ibibazo ku gihozo - Gushaka cyangwa guhanga agahozo - Gutanga ingero z’ibihozo. - Gusoma amagambo yahawe yubahiriza ubutinde n’ amasaku - Kwandika amagambo maremare agaragaza amasaku ahereye ku magambo fatizo yaboneye mu mwaka wa mbere. - Kwandika amagambo ahawe agaragaza ubutinde n’amasaku.

Umwaka wa kabiri
Igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
Icyuma karindwi	<ul style="list-style-type: none"> - Gusobanura inkuru ahaza amashusho n’amagambo mu buryo bw’ inyurabwenge. - Kugaragaza inyigisho iri mu nkuru yerekeza ku biyobyabwenge n’ingaruka zabyo ku rubyiruko - Gutandukanya imvugo iboneye, iya giseseka na nyandagazi. - Gukoresha buri mvugo mu mwanya wayo 	<p>Inkuru ishushanyije ku biyobyabwenge</p> <p>Inshoza y’imvugo iboneye, iya giseseka na nyandagazi.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kwerekana amashusho no kubasaba kuvuga mu magambo make ibyo babona - Gusomesha bucece. - Gusomesha barangurura - Kubaza ibibazo bigaragaza isano iri hagati y’amashusho n’amagambo. - Kubaza inyigisho bakuye mu nkuru n’ingamba bafashe. - Gusaba abanyeshuri gukina iyo nkuru - Gufatira ku nkuru ishushanyije (cyangwa indi yizwe) agatahura uturango tw’imvugo iboneye, iya giseseka na nyandagazi. - Kugereranya izo mvugo zose. - Gusaba abanyeshuri gukoresha izo mvugo mu mwanya wazo bakina 	<ul style="list-style-type: none"> - Kuvuga mu magambo make ibyo babona ku mashusho. - Gusoma bucece bahuza amashusho n’amagambo. - Gusoma baranguruye. - Kuvuga isano iri hagati y’amashusho n’amagambo - Kuvuga inyigisho bakuye mu nkuru - Kugaragaza ingamba zo kwirinda ibiyobyabwenge - Gukina bigana iyo nkuru. - Gusubiza ibibazo rusange ku mvugo zikoreshwa. - Gutahura uturango tw’imvugo iboneye, ya giseseka na nyandagazi - Kuvuga itandukaniro ry’izo mvugo - Gukina bakoresha izo mvugo.

Umwaka wa kabiri
Igihembwe cya mbere

Icyumweru	Intego zihariye	Ibyigwa	Imbonezamasomo	Ibikorwa n’umunyeshuri
